## SERIVISI ISHINZWE UBUFASHA MU BY'AMATEGEKO N'UBWUNGANIZI MU MANZA

Urugaga rw'Abavoka rufite urwego rushinzwe rushinzwe ibikorwa by'ubufasha mu by'amategeko n'ubwunganizi bigenerwa abaturage batishoboye bafite imanza.

Kugeza ubu iyi serivisi yakira abaturage bafite ibibazo bitandukanye bijyanye n'amategeko n'abafite imanza mu nkiko ikanatanga ubwunganizi muri zimwe muri izo manza.

Uretse gutanga ubwunganizi ku batishoboye iyi serivisi itanga inama mu by'amategeko kuko Urugaga rw'Abavoka rugendera ku murongo wo gukemura ibibazo ku bwumvikane mbere yo kwiyambaza inzira y'Inkiko.

NIBA WUJUJE IBISABWA KOMEZA




## URUGAGA RW'ABAVOKA

Address: KK 500 st, Kigali

P.O.BOX 3762 Kigali

E-mail: legalaid@rwandabar.rw
Website: www.rwandabar.rw

HOTLINE: 2425

URUGAGA RW'ABAVOKA

RWANDA BAR ASSOCIATION

## SERIVISI Z'UBUJYANAMA MU BY'AMATEGEKO N'UBWUNGANIZI ZIGENEWE

Kigali, WERURWE 2019

**Ubufasha bugenerwa abatishoboye**

**Intangiriro:**

Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda rwashyizweho mu 1997. Rwatangiye rufite Abavoka 37 ruza kugenda rwaguka ku buryo ubu rugizwe n'Abavoka basaga 1,200.

Urugaga rw'Abavoka rufite inshingano zitandukanye zirimo kunoza serivisi zitangwa n'Abavoka mu bijyanye no kuburanira no kunganira abaturage no kubungabunga ubwigenge n'ubwisanzure bw'Abavoka mu gihe bakora umwuga wabo.

Urugaga rufite kandi inshingano yo kurengera uburenganzira bw'ibanze bwa muntu no gutanga ubujyanama mu by'amategeko n'ubwunganizi ku baturage batishoboye.

Ni muri urwo rwego Urugaga rwashyizweho serivisi ishinzwe kwita by'umwihariko kuri gahunda z'ubwunganizi bugenerwa abaturage batishoboye bafite imanza mu nkiko kimwe n'abandi bakenera inama mu mategeko ariko badafite ubushobozi bwo kwishyura serivisi za avoka

## Serivisi zigenerwa abatishoboye:

- Ubujyanama mu by'amategeko (Legal advice);
- Kunga abafitanye ikibazo aho bishoboka (mediation);
- Ubwunganizi mu manza (legal representation/ assistance).

**Ibisabwa kugira ngo uhabwe ubwunganizi mu rubanza:**

- Icyemezo cy'utishoboye gitangwa n'inzego zibifitiye ububasha;
- Ibaruwa isaba ubufasha yandikiwe Umukuru w'Urugaga rw'Abavoka isobanura imiterere y'ikibazo n'ibimenyetso bibaye ngo,mbwa ;
- Fotokopi y'inyandiko ihamagara ababuranyi mu rubanza (assignation) igaragaza itariki y'iburanisha mu mizi iyo usaba yaregeye Urukiko mbere yo kwitabaza Urugaga;
- Fotokopi y'imyanzuro itanga ikirego ku Urega cyangwa imyanzuro yo kwiregura ku Uregwa (aho bishoboka) ;
- Fotokopi y'ibindi bimenyetso byose ashingiraho imiburanire ye .

***ICYITONDERWA :***

- Ni byiza ku basaba ubufasha mu by'amategeko kubanza kunyura ku nzu z'ubufasha mu by'amategeko (MAJ) biri kuri buri Karere cyangwa indi miryango itanga ubufasha mu by'amategeko iri hirya no hino mu Gihugu kugira ngo babagire inama z'ibanze mbere yo gutanga ibirego cyangwa kuza gusaba ubwunganizi mu manza ku Rugaga rw'Abavoka;
- Uhabwa ubufasha agomba kubanza kwakirwa muri serivisi ishinzwe gutanga ubufasha mu by'amategeko n'ubwunganizi aho abonana n'Avoka akamusobanurira imiterere y'ikibazo cye mbere y'uko hemezwa ko ahabwa ubwunganizi cyangwa akaba yagirwa inama.

**Ibyo Urugaga rusaba abafatanyabikorwa:**

- Kugira inama z'ibanze abatishoboye no kubayobora uko bikwiye;
- Kohereza Urugaga ku gihe dosiye z'abatishoboye bakwiye ubwunganizi (nibura ibyumweru 4 mbere y'itariki y'Urubanza)
- Ku Bushinjacyaha n'Inkiko: Guha Abavoka bunganira abatishoboye Kopi za dosiye ku buntu ndetse n'ubundi bufasha bakenera kugira ngo akazi kabo kagende neza.

**<u>Igihe cyo kwakira abaturage</u>**

Buri munsi kuva 07:30 kugeza 17h00 Urugaga rwakira abafite ibibazo

Kubonana na Avoka byo bikorwa buri wa **gatanu kuva 7 :30 kugeza 12 :00**.

Kugira ngo umuturage abashe guhabwa umwunganizi mu rubanza ni ngombwa kuba yagajeje ikibazo cye ku Rugaga rw'Abavoka nibura ibyumweru 4 mbere y'itariki y'Urubanza.

Ku bindi bisobanuro wahamagara ku murongo utishyura 2425 cyangwa ukandikira Urugaga kuri E-mail: info@rwandabar.org.rw;

**<u>NIBA WUJUJE IBISABWA KOMEZA</u>**

LEGAL AID